

Agakapu ka Ganza



Imwe mu nkuru zahize izindi mu irushanwa
ANDIKA RWANDA 2019

MUMPE URUBUGA NSOME!



MUBYEYI, DORE UBURYO WAFASHA UMWANA GUSOMA

- Ha umwanya umwana agusomere inkuru cyangwa umuvugo. Nawe kandi ushobora kumusomera.
- Fasha umwana gutekereza ku byo asoma cyangwa umusomera uagenda umubazaho ibibazo.
- Mu gihe murangije gusoma inkuru cyangwa umuvugo, ha umwana umukoro umufasha kwimenyereza kwandika inkuru.

UMUKORO

Saba umwana kwandika inkuru ku ifoto imanitse mu rukaniriro, ku muntu runaka wo mu rugo, ku bindi bintu ubona hanze...Umwana ashobora kubyandika cyangwa akabishushanya, hanyuma ukamuha umwanya wo kubigusobanurira.

IBISOBANURO KU MUBARE WANDITSE KU GIFUNIKO CY'AGATABO

- Ku gifuniko cy'aka gatabo hariho umubare. Uyu mubare, werekana ikicro agatabo karimo, si umwaka umwana yigamo.
- Hakurikijwe uko inkuru yanditsemo yoroshye gusoma no kumva, cyangwa ikomeye, agatabo gashobora kuba mu kicro cya 1, 2, 3, 4, 5. Bityo, inkuru yoroha duhereye ku kicro cya mbere.
- Agatabo kari mu kicro kimwe gashobora gusomwa cyangwa gusomerwa umwana wiga mu mwaka wa 1, uwiga mu wa 2, n'uwiga mu wa 3, bitewe n'ikigero umwana agezeho mu kumenya gusoma.

Babyeyi, turabashimira ko muha abana nibura iminota 15 yo gusoma ibitabo buri munsu, kandi mukaba muri kumwe na bo igihe basoma.

Agakapu ka Ganza



Imwe mu nkuru zahize izindi mu irushanwa
ANDIKA RWANDA 2019

CYUSA Murindwa Salomon, yanditse iyi nkuru afite imyaka 13, yiga mu mwaka wa 1 w'amashuri yisumbuye, mu Rwunge rw'Amashuri rwa Nyanza B, Akarere ka Nyanza, Intara y'Amajyepfo. Iyi nkuru ye, AGAKAPU KA GANZA, ni imwe mu zahize izindi mu irushanwa rya Andika Rwanda 2019.



Ganza ni umwana ukunda kwiga.
Akurikira amasomo neza mu ishuri.



Ariko, iyo avuye ku ishuri ararangara.
Ibyo bigatuma ataha atinze.



Umunsi umwe, yasanze abana bakina.
Arahagarara, amara umwanya abitegereza.



Abasaba ko yakina na bo, baramwemerera.
Arambika agakapu hasi atangira gukina.




Barangije gukina, ashaka agakapu ke arakabura.
Yicara hasi atangira kurira.



Bagenzi be bamufasha kugashaka.
Bashakira ahakikije ikibuga hose barakabura.



Muri ako kanya, hatunguka Sugira.
Arabegera, abaza Ganza ikimuriza.



Bamubwira ko Ganza yabuze agakapu ke.
Ganza yongeraho ko karimo ibikoresho by'ishuri.



Sugira ababwira ko yabonye Gatete agafite.
Ganza amusaba kujya kumwerekwa iwabo.




Bageze iwabo wa Gatete bahasanga nyina.
Bamubwira ko Gatete yatwaye agakapu ka Ganza.



Nyina wa Gatete aramuhamagara.
Amubajije, Gatete arabyemera arakazana.



Asaba imbabazi nyina na Ganza.
Abizeza ko atazongera gutwara iby'abandi.



Ganza arataha agera iwabo atinze cyane.
Asanga ababyeyi be bahangayitse.
Abasobanurira icyamutindije.



Nuko ababyeyi be baramwihanangiriza.
Bamubuza kongera gukinira mu nzira.
Abasaba imbabazi abizeza ko atazongera.

This work is licensed under Creative Commons Attribution-NoDerivatives 4.0 International (CC BY-ND 4.0). To view a copy of this license, visit <https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/>. This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest. Under this license, you are free to copy, distribute, and transmit this work as long you provide attribution as follows: "This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest; it was developed through collaboration between the Rwanda Education Board (REB) and the United States Agency for International Development (USAID)." More details on permissions under this license can be found at <https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/>." Distribution of adaptations of this work are not permitted under this license without the permission of the copyright holder.

